The crime of genocide, crimes against humanity and war crimes as well as penalties for these crimes are not subject to prescription.

Article 105: Responsabilité pénale du supérieur et du subordonné

Le fait que le crime de génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre ont été commis par un subordonné ne dégage pas son supérieur de sa responsabilité pénale s'il savait ou avait des raisons de savoir que le subordonné s'apprêtait à commettre cet acte ou l'avait fait et que le supérieur n'a pas pris les mesures nécessaires et raisonnables pour empêcher que ledit acte soit commis ou en punir l'auteur et en informer les organes compétents.

Le fait qu'un accusé a commis l'infraction en exécution d'un ordre du Gouvernement ou d'un supérieur ne le dégage pas de sa responsabilité pénale s'il était manifestement évident que l'exécution de l'ordre pouvait entraîner la commission d'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article.

Article 106: Imprescriptibilité du crime de génocide, des crimes contre l'humanité et des crimes de guerre

Le crime de génocide, les crimes contre l'humanité et les crimes de guerre ainsi que les peines prononcées pour ces crimes sont imprescriptibles.

UMUTWE WA II: UBWICANYI, GUKUBITA CYANGWA GUKOMERETSA, KUBABAZA UMUBIRI NO GUKURAMO INDA

CHAPTER II: HOMICIDE, ASSAULT OR BATTERY, BODILY HARM AND ABORTION

CHAPITRE II: HOMICIDE, COUPS OU BLESSURES, LÉSIONS CORPORELLES ET AVORTEMENT

Icyiciro cya mbere: Ubwicanyi buturutse ku bushake n'ubwicanyi budaturutse ku bushake

Section One: Murder and manslaughter

Section première: Meurtre et homicide involontaire

Ingingo ya 107: Ubwicanyi buturutse ku bushake n'uko buhanwa

Umuntu wica undi abishaka, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu.

Article 107: Voluntary murder and its punishment

A person who intentionally kills another person commits murder. Upon conviction, he/ she is liable to life imprisonment

Article 107: Meurtre volontaire et sa répression

Toute personne qui donne volontairement la mort à autrui commet un meurtre. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 108: Kwica umwana wibyariye

Umugore wese, abishaka cyangwa biturutse ku kudakora ikigomba gukorwa, wica umwana yabyaye utarengeje amezi cumi n'abiri (12) ariko mu gihe cyo gukora icyaha ubwenge bwe bukaba budakora neza bitewe n'inkurikizi zituruka ku kubyara cyangwa guhembera k'umubyeyi aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Article 108: Infanticide

Any woman, who intentionally or by omission kills his or her biological child whose age is not above twelve (12) months but during the commission of the offense she was in postpartum depression or by effect of lactation commits an offense. Upon conviction, he / she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years but not exceeding seven (7) years.

Article 108 : Infanticide

Toute femme qui, volontairement ou par omission donne la mort à son enfant biologique de moins de douze (12) mois mais qu'elle a commis l'infraction dans un état de dépression postpartum ou par effet de lactation, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Ingingo ya 109: Guhuta umurwayi

Umuntu wese wica umuntu urwaye hagamijwe kurangiza ububabare bukabije bwe butewe n'uburwayi budakira kandi bisabwe na nyir'ukwicwa nta gahato, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Article 109: Euthanasia

Any person who, upon the patient's request, ends the patient's life to relieve the patient's unbearable suffering caused by an incurable illness commits an offence.

Upon conviction, he/ she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

Article 109: Euthanasie

Toute personne qui provoque la mort d'un malade à la demande de ce dernier pour mettre fin aux souffrances insupportables de ce malade causées par une maladie incurable, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Ingingo ya 110: Kuroga

Umuntu uha undi ibintu bishobora kwica bwangu cyangwa bitinze, hatitawe ku byakoreshejwe cyangwa uko byahawe nyir'ukubigirirwa n'inkurikizi zabyo aba akoze icyaha .

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo cya burundu.

Article 110: Poisoning

A person who administers a substance to another person which can cause death more or less promptly regardless of the substance used or its mode of administration and consequences, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to life imprisonment.

Article 110: Empoisonnement

Une personne qui administre à autrui des substances qui peuvent donner la mort plus ou moins promptement, quelles que soient les substances employées ou leurs modes d'administration et leurs suites, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 111: Ubwicanyi budaturutse ku bushake n'uko buhanwa

Umuntu wica undi bw'ububuraburyo, uburangare, ubushishozi buke, umwete muke, kudakurikiza amabwiriza cyangwa ubundi buteshuke bwose ariko adafite umugambi wo kumwica, aba akoze icyaha.

Article 111: Manslaughter and its punishment

Any person who kills another as a result of clumsiness, carelessness, inattention, negligence, failure to observe rules or any other lack of precaution and foresight but without intent to kill him/her, commits an offence.

Article 111: Homicide involontaire et sa répression

Une personne qui donne la mort à autrui par maladresse, imprudence, inattention, négligence, inobservation des règlements ou tout autre défaut de prévoyance et de précaution, mais sans en avoir l'intention, commet une infraction.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora icyaha cyo kwica bidaturutse ku bushake ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

A person convicted of manslaughter is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than two (2) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties.

Une personne reconnue coupable d'homicide involontaire est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Icyiciro cya 2: Iyicarubozo no kwangiza imyanya ndangabitsina

Section 2: Torture and sexual torture

Section 2: Torture et torture sexuelle

Ingingo ya 112: Iyicarubozo

Article 112: Torture

Article 112: Torture

Muri iri tegeko, iyicarubozo risobanura igikorwa icyo ari cyo cyose gitera uburibwe cyangwa ububabare haba ku mubiri cyangwa ku bwenge, gikorewe umuntu ku bushake hagamijwe kumushakaho amakuru cyangwa kuyashaka ku wundi muntu cyangwa ukwemera icyaha, kumuryoza igikorwa yakoze cyangwa cyakozwe n'undi muntu cyangwa akekwaho kuba yarakoze, cyangwa kumukangisha cyangwa kumuhatira we ubwe cyangwa undi muntu, cyangwa kubera impamvu iyo ariyo yose ishingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose.

For the purpose of this Law, torture means any act by which severe pain or suffering, whether physical or mental, is intentionally inflicted on a person for such purposes as obtaining from him/her or a third person information or a confession, punishing him/her for an act he/she or a third person has committed or is suspected of having committed, or intimidating or coercing him/her or a third person, or for any reason based on discrimination of any kind.

Au sens de la présente loi, la torture s'entend de tout acte par lequel une douleur ou des souffrances aiguës, physiques ou mentales, sont intentionnellement infligées à une personne aux fins notamment d'obtenir d'elle ou d'une tierce personne des renseignements ou des aveux, de la punir d'un acte qu'elle ou une tierce personne a commis ou est soupçonnée d'avoir commis, de l'intimider ou de faire pression sur elle ou d'intimider ou de faire pression sur une tierce personne, ou pour tout autre motif fondé sur une forme de discrimination de quelque nature que ce soit.

Umuntu wese ukora kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo aba akoze icyaha.

Any person who commits any of the offences referred to under Paragraph One of this Article commits an offence.

Toute personne qui commet l'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article commet une infraction.

Icyaha cy'iyicarubozo ntigisaza.

Ingingo ya 113: Igihano ku cyaha cy'iyicarubozo

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora icyaha cy'iyicarubozo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Iyo iyicarubozo riteye urikorewe indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma atagira icyo yikorera, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora, gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, urupfu cyangwa rikozwe n'umuntu ukora umurimo wa Leta mu mirimo ashinzwe, igihano kiba igifungo cya burundu.

Ingingo ya 114: Kwangiza imyanya ndangagitsina

Umuntu wese wangiza imyanya ndangagitsina y'undi muntu aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo cya burundu.

The crime of torture is imprescriptible.

Article 113: Penalties for torture

Any person convicted of torture is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty- five (25) years.

If torture results in an incurable illness, permanent incapacity to work, full loss of function of an organ or mutilation of any key body organ, death or is committed by a public official in his/her duties, the penalty is life imprisonment.

Article 114: Sexual torture

Any person who causes damage to genital organs of another person commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to a term of life imprisonment.

L'infraction de torture est imprescriptible.

Article 113: Peines prévues pour l'infraction de torture

Toute personne reconnue coupable de torture est passible d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

S'il est résulté de la torture, soit une maladie incurable, soit une incapacité permanente de travail, soit la perte de l'usage absolu d'un organe, soit une mutilation d'un organe vital, la mort ou est commise par un agent officiel dans le cadre de ses fonctions, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.

Article 114: Torture sexuelle

Toute personne qui cause des dommages aux organes génitaux d'autrui commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Icyiciro cya 3: Kubabaza umubiri

Ingingo ya 115: Guha umuntu ikintu gishobora kwica cyangwa gushegesha ubuzima

Umuntu wese utera undi indwara cyangwa kudashobora kwikorera umurimo, amuhaye mu buryo ubwo aribwo bwose abishaka, ariko atagendereye kwica, ikintu gishobora kwica cyangwa ibintu n'ubwo bitagira ubushobozi bwo kwica, bifite nyamara ubushobozi bwo gushegesha ubuzima, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

Iyo ikintu cyatanzwe giteye indwara idakira, ukudashobora kugira icyo umuntu yikorera burundu cyangwa ukudashobora gukoresha na busa urugingo rw'umubiri, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Section 3: Infliction of physical suffering

Article 115: Administering to another person a substance that may cause death or seriously alter the person's health

Any person who intentionally causes to another person illness, incapacity to work, by administering to him/her, in any way whatsoever, any substance likely to cause death, but without any intention of causing death, although such a substance may not kill, but which may seriously alter the person's health, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years, and a fine of not less than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) and not more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).

In case the administered substance causes an incurable illness, permanent incapacity to work, full loss of function of an organ, the penalty is imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years and a fine of more than five hundred thousand (500,000 FRW) Rwandan francs and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

Section 3: Infliger une souffrance physique

Article 115: Administrer à autrui une substance pouvant causer la mort ou altérer sérieusement la santé

Toute personne qui, intentionnellement, cause à autrui soit une maladie, soit une incapacité de travail, en lui administrant, de quelque manière que ce soit, mais sans l'intention de donner la mort, une substance susceptible de donner la mort, ou qui, même sans pouvoir causer la mort, altère sérieusement la santé, commet une infraction.
Lorsqu'elle en est reconnu coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).

Lorsque la substance administrée cause soit une maladie incurable, soit une incapacité permanente de travail, soit la perte de l'usage absolu d'un organe, la peine est l'emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans et d'une amende de plus de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 116: Gushishikariza no gufasha kwiyahura

Umuntu wese ushishikariza undi kwiyahura, umufasha kwiyahura cyangwa utuma yiyahura kubera kumutoteza agamije ko yiyahura, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Article 116: Incitement to and assistance with suicide

Any person who incites another person to commit suicide, assists him/her in committing suicide or causes him/her to commit suicide due to harassment, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

Article 116: Incitation et aide au suicide

Toute personne qui incite autrui, l'aide à se suicider ou provoque son suicide à cause de son harcèlement commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Ingingo ya 117: Kwanduza undi indwara

Umuntu wese abishaka wanduza undi indwara ishobora gutera ubumuga aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

Iyo indwara yandujwe ari indwara idakira, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Article 117: Transmission of an illness to another person

Any person who wilfully transmits to another person an illness likely to cause disability commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of at least two (2) years and not more than three (3) years and a fine of not less than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) and not more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).

In case the illness transmitted is incurable, the penalty is imprisonment of at least twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years and a fine of more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

Article 117: Transmission d'une maladie à autrui

Toute personne qui, volontairement, transmet à autrui une maladie susceptible de causer un handicap commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et une amende d'au moins trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).

Au cas où la maladie transmise est incurable, la peine est l'emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans et une amende de plus de cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 118: Kubabaza umubiri bidaturutse ku bushake

Umuntu wese ubabaza umubiri w'undi muntu ku buryo buke, ubwitonzi buke uburangare, umwete muke, ubuteshuke n'ubuteganye buke ariko adafite umugambi wo kumugirira nabi, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo giteje urupfu, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article 118: Unintentional bodily harm

Any person who, through carelessness, inattention, negligence, lack of precaution and foresight, causes bodily harm to another person but without any intention of endangering his/her life commits an offence.
Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of at least three (3) months and not more than six (6) months and a fine of at least five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

If the offence referred to under Paragraph One of this Article results in death, the penalty is imprisonment for a term of six (6) months and not more than two (2) years and a fine of at least five hundred Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000), or only one of these penalties.

Article 118: Lésions corporelles involontaires

Toute personne qui cause des lésions corporelles à autrui par maladresse, imprudence, inattention, négligence, défaut de prévoyance et de précaution, mais sans intention d'attenter à la personne d'autrui commet l'infraction.
Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais n'excédant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article entraîne la mort, la peine est l'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW), ou de l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 119: Gutera undi ikintu gishobora kumubangamira cyangwa kumwanduza

Umuntu wese, ku bw'inabi, utera undi ikintu icyo ari cyo cyose gishobora

Article 119: Throwing an object at a person that may inconvenience or dirty him/her

Any person who, in bad faith, throws any object at another person which may

Article 119: Jeter sur autrui une chose pouvant l'incommoder ou le souiller

Toute personne qui, de mauvaise foi, jette sur autrui une chose quelconque pouvant

kumubangamira cyangwa kumwanduza, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW).

Icyiciro cya 4: Gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu

Ingingo ya 120: Gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu bidaturutse ku bushake

Umuntu wese ukubita cyangwa ukomeretsa undi biturutse ku buryo buke, ubwitonzi buke, uburangare, umwete muke, ubuteshuke n'ubuteganye buke, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi umunani (8) ariko kitarenze amezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).

Iyo uwakoze icyaha yakomerekeje abantu benshi, ahanishwa igifungo kirenze amezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000

inconvenience or dirty that person, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to a fine of not less than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) and not more than three hundred Rwandan francs (FRW 300,000).

Section 4: Assault or battery

Article 120: Unintentional assault or battery

Any person who, because of clumsiness, recklessness, negligence, carelessness, lack of precaution and foresight, assaults or batters another person or causes an injury, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than eight (8) days and not more than two (2) months and a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000).

If the offender causes injuries to several persons, he/she is liable to imprisonment for a term of more than two (2) months and not less than three (3) months and a fine of not less than five hundred Rwandan francs

l'incommoder ou le souiller, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende d'au moins deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) mais n'excédant pas trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW).

Section 4: Coups ou blessures

Article 120: Coups ou blessures involontaires

Toute personne qui, par maladresse, imprudence, négligence, inattention, défaut de précaution et de prévoyance porte à autrui des coups ou cause des blessures, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais n'excédant pas deux (2) mois et d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais n'excédant pas deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW).

Lorsque l'auteur a causé des blessures à plusieurs personnes, il est passible d'un emprisonnement excédant deux (2) mois mais inférieure à trois (3) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs

FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 121: Gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake

Umuntu wese, abishaka, ukomeretsa undi, umukubita cyangwa umusagarira ku buryo bwa kiboko bubabaje aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW). Iyo icyaha cyakorewe umwana, umubyeyi, uwo bashyingiranywe cyangwa umuntu udashoboye kwitabara kubera imiterere ye ku mubiri cyangwa mu bwenge, ahanishwa igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka umunani (8) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenga miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye indwara cyangwa kudashobora kugira icyo umuntu yikorera ku buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kitari

(FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

Article 121: Intentional assault or battery

Any person who, wilfully, injures, beats or commits any serious violence against another person, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000). If the offence is committed against a child, a parent, a spouse or a person unable to protect himself/herself because of his/her physical or mental state, he/she is liable to imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than eight (8) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

If assault or battery has caused illness or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than

rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Article 121: Coups ou blessures volontaires

Toute personne qui, volontairement, cause des blessures, porte des coups ou commet toute autre violence grave envers autrui, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW). Lorsque l'infraction est commise à l'encontre d'un enfant, un parent, un époux ou d'une personne hors d'état de se protéger en raison de son état physique ou psychique, elle est passible d'un emprisonnement excédant cinq (5) ans mais n'excédant pas huit (8) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Lorsque les coups ou les blessures ont entraîné une maladie ou une incapacité de travail non permanente, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins dix (10)

munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW). Iyo byateye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo yikorera, kubuza burundu urugingo rw'umubiri gukora no gutakaza igice cy'umubiri, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

fifteen (15) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000). If assault or battery has resulted in an incurable illness, permanent disability to work, full loss of function of an organ or serious mutilation, the penalty is imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

ans mais n'excédant pas quinze (15) ans et à une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW). Lorsqu'il en est résulté une maladie incurable, une incapacité totale de travail, la perte de l'usage absolu d'un organe, une mutilation grave, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans et à une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byagambiriwe, byategewe igico, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

If assault or battery is committed with premeditation or ambush, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Lorsque les coups ou les blessures ont été portés avec préméditation ou guet-apens, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW).

If assault or battery has caused death, the penalty is imprisonment for a term of not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and not more than seven million Rwandan francs (FRW 7,000,000).

Lorsque les coups ou les blessures ont entraîné la mort, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans et une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas sept millions de francs rwandais (7.000.000 FRW).

Icyiciro cya 5: Kutita ku muntu ushinzwe no guhutaza undi

Ingingo ya 122: Kutita ku muntu ushinzwe gucungira ubuzima

Umuntu wese ufite inshingano yo kwita ku mibereho y'umuntu, ku bw'inabi, umwicisha inzara, inyota, utamuvuza cyangwa umwima ikintu cyose cyashoboraga kurinda ubuzima bwe guhungabana ariko atagambiriye kwica, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikorewe umwana cyangwa umuntu udashoboye kwirwanaho kubera imiterere y'umubiri cyangwa y'ubwenge, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

Iyo uwakoze icyaha yari afite ubushake bwo kwica, igihano kiba igifungo cya burundu.

Icyiciro cya 6: Gukuramo inda

Ingingo ya 123: Kwikuramo inda

Umuntu wese wikuyemo inda, aba akoze icyaha.

Section 5: Neglecting the care for a dependant and violence against a person

Article 122: Neglecting the care for the person entrusted into one's care

Any person responsible for the care of another person who, in bad faith and without intent to kill, subjects him/her to hunger, thirst or who fails to provide medical care or who deprives him/her of anything that could have saved his/her life, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years.

If the offence referred to under Paragraph One of this Article is committed against a child or a person unable to protect himself/herself because of his/her physical or mental state, the penalty is imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

If the offender acted with intent to kill, the penalty is a life imprisonment.

Section 6: Abortion

Article 123: Self-induced abortion

Any person who self-induces an abortion commits an offence.

Section 5: Délaissement d'une personne à charge et violence contre autrui

Article 122: Délaissement d'une personne dont on a la charge

Toute personne ayant la charge de prendre soin d'une autre personne qui, de mauvaise foi mais sans intention de tuer, la laisse mourir de faim, de soif, ne la fait pas soigner ou la prive de toute chose pouvant épargner la vulnérabilité de sa vie, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Lorsque l'infraction prévue à l'alinéa premier du présent article est commis contre un enfant ou une personne hors d'état de se protéger en raison de son état physique ou psychique, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Lorsque l'auteur a agi avec l'intention de tuer, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

Section 6: Avortement

Article 123: Avortement auto-induit

Toute personne qui pratique un avortement auto-induit, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW).

Ingingo ya 124: Gukuramo undi inda

Umuntu wese ukuramo undi muntu inda, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Umuntu wese, ku bw'uburangare cyangwa umwete muke, utuma umuntu akuramo inda, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo gukuramo inda biteye ubumuga byemejwe n'umuganga ubifitiye ububasha, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Upon conviction, she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years and a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000).

Article 124: Performing an abortion on another person

Any person who performs an abortion on another person, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

Any person who, because of negligence or carelessness, causes another person to abort is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than three hundred thousand Rwandan francs (RWF 300,000) and not more than five hundred thousand Rwandan francs (RWF 500,000) or only one of these penalties.

If abortion causes disability certified by a relevant medical doctor, the offender is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais n'excédant pas deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW).

Article 124: Pratiquer un avortement sur autrui

Toute personne qui pratique un avortement sur autrui, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Toute personne qui, par négligence ou par inattention, entraîne l'avortement d'autrui est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque l'avortement entraîne une incapacité attestée par un médecin compétent, l'auteur est passible d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

Iyo gukuramo inda biteye urupfu, uwakuriwemo inda yaba yabyemeye cyangwa atabyemeye, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 125: Ukutaryozwa icyaha cyo gukuramo inda

Nta buryozwacyaha bubaho iyo gukuramo inda byakozwe kubera impamvu zikurikira:

1º kuba utwite ari umwana;

2º kuba uwakuriwemo inda yarakoreshejwe imibonano mpuzabitsina ku gahato;

3º kuba uwakuriwemo inda yarayitwaye nyuma yo kubanishwa n'undi nk'umugore n'umugabo ku gahato;

4º kuba uwakuriwemo inda yaratewe inda n'uwo bafitanye isano ya hafi kugera ku gisanira cya kabiri;

5º kuba inda ibangamiye ubuzima bw'utwite cyangwa ubw'umwana atwite.

Gukurirwamo inda bikorwa na muganga wemewe na Leta.
Ibigomba kubahirizwa kugira ngo muganga akuremo inda bigenwa n'iteka rya Minisitiri ufite ubuvuzi mu nshingano ze.

If abortion causes death, irrespective of whether or not the person having an abortion has given her consent, the offender is liable to life imprisonment.

Article 125: Exemption from criminal liability for abortion

There is no criminal liability if abortion was performed due to the following reasons:

1º the pregnant person is a child;

2º the person having abortion had become pregnant as a result of rape;

3º the person having abortion had become pregnant after being subjected to a forced marriage;

4º the person having abortion had become pregnant as a result of incest up to the second degree;

5º the pregnancy puts at risk the health of the pregnant person or of the foetus.

Abortion is performed by a recognized medical doctor.
Conditions to be satisfied for a medical doctor to perform an abortion are

Lorsque l'avortement cause la mort, qu'il y ait eu consentement ou pas de la personne ayant avorté, l'auteur est passible d'un emprisonnement à perpétuité.

Article 125: Exonération de responsabilité pénale pour l'avortement

Il n'y a pas de responsabilité pénale lorsque l'avortement a été pratiqué pour des causes suivantes:

1º la personne enceinte est un enfant;

2º la personne ayant avorté était devenue enceinte à la suite d'un viol;

3º la personne ayant avorté était devenue enceinte à la suite d'un mariage forcé;

4º la personne ayant avorté était devenue enceinte à la suite d'un inceste commis par une personne ayant un lien de parenté avec elle jusqu'au second degré;

5º la poursuite de la grossesse met en danger la vie de la personne enceinte ou celle du fœtus.

L'avortement est pratiqué par un médecin agréé.
Les conditions devant être remplies pour qu'un médecin pratique l'avortement sont

determined by an Order of the Minister in charge of health.

déterminées par arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions.

Iyo nyuma yo gukurirwamo inda bigaragaye ko uwayikuriwemo yabisabye nta mpamvu yemewe n'itegeko ashingiraho ahanwa nk'uwikuyemo inda.

If, after abortion, it is evident that the person on whom abortion was performed applied for it with no legal basis, such a person is punished as a person who performed a self-induced abortion.

Lorsqu'après l'avortement, il est constaté que la personne sur laquelle a été pratiqué l'avortement en a fait la demande sans motif légitime, elle est punie comme ayant pratiqué l'avortement auto-induit.

Ingingo ya 126: Uko umwana asabirwa gukurirwamo inda

Article 126: Procedure by which an application for a child to abort is made

Article 126: Procédure par laquelle se fait la demande d'avortement d'un enfant

Iyo ushaka gukurirwamo inda ari umwana, abisabirwa n'abamufiteho ububasha bwa kibyeyi nyuma yo kubyumvikanaho.

If a person wishing to abort is a child, the application to do so is made by persons with parental authority over her after agreeing upon it.

Lorsque la personne qui souhaite avorter est un enfant, la demande de le faire est faite par les personnes ayant une autorité parentale sur elle après s'être mis d'accord.

Iyo abafite ububasha bwa kibyeyi ku mwana batumvikanye hagati yabo cyangwa se batumvikanye n'umwana, icyifuzo cy'umwana nicyo kitabwaho.

If persons with parental authority over a child disagree among themselves or if they disagree with the child, the wish of the child prevails.

Lorsque les personnes ayant l'autorité parentale sur l'enfant ne s'entendent pas entre eux ou ne s'entendent pas avec l'enfant, le souhait de l'enfant prime.

Usaba ko umwana afiteho ububasha bwa kibyeyi akurirwamo inda, abisaba umuganga wemewe na Leta yitwaje inyandiko y'ivuka igaragaza igihe umwana yavukiye.

A person requesting abortion for the child over whom he/she has parental authority, files a request with a recognised medical doctor, accompanied with the child's birth certificate containing the date of birth.

La personne demandant l'avortement au nom de l'enfant sur laquelle elle a une autorité parentale, en fait la demande à un médecin agréé sur présentation de son acte de naissance faisant foi de sa date de naissance.

Ingingo ya 127: Kwamamaza ibikoresho byo gukuramo inda

Article 127: Advertising the means of abortion

Article 127: Publicité des moyens abortifs

Umuntu wese wamamaza, akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, imiti,

Any person who, by any means, advertises drugs, materials or any other substances

Toute personne qui, par tout moyen, fait la publicité des médicaments, du matériel ou

ibikoresho cyangwa ibindi bivugwaho ubushobozi bwo gukuramo inda, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

believed to induce abortion, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.

d'autres substances connues pour être capables de provoquer l'avortement, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

UMUTWE WA III: IBIKANGISHO BYO KUGIRIRA NABI UMUNTU

CHAPTER III: THREATS TO HARM A PERSON

CHAPITRE III: MENACES D'ATTENTAT À UNE PERSONNE

Ingingo ya 128: Gukoresha ibikangisho

Umuntu wese ukoresha ibikangisho agamije kugirira nabi undi, ibyo bikangisho byaba mu magambo, mu marenga, mu bimenyetso, mu mashusho cyangwa mu nyandiko, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

Iyo ibyo bikangisho biherekejwe n'agahato, bikozwe kugira ngo habeho kwigura ku wabikorewe cyangwa kumuvutsa ibye, igihano kiba igifungo

Article 128: Use of threats

Any person who uses threats with intent to harm another person, whether such threats are verbal, gestures, images or in writing, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) and not more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).

If such threats are accompanied by duress or are carried out by imposing conditions on the victim, or by depriving him/her of property, the penalty is imprisonment for a

Article 128: Usage de menaces

Toute personne qui fait usage de menaces en vue d'attenter à autrui, que ces menaces soient verbales, gestes, images ou écrit, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).

Si les menaces sont accompagnées d'ordres ou de conditions imposés à la victime ou la priver de ses biens, la peine est portée à un emprisonnement de plus de deux (2) ans

kirenze imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Ingingo ya 129: Gukangisha gusebanya

Gukangisha gusebanya ni igikorwa cyo gusaba umuntu umukono ku nyandiko, ukwemera cyangwa uguhakana inshingano, ugutangaza ibanga, uguhabwa amafaranga, inyandiko mvunjwafaranga cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose hakoreshejwe gukangisha uwo muntu cyangwa undi muntu ikangwa rye ryagira ingaruka ku wakorewe icyaha, kumurega, gutangaza cyangwa kumuvugaho ibintu bishobora kumutesha agaciro cyangwa icyubahiro, byaba ari ukuri cyangwa se atari ukuri.

Umuntu wese ukangisha gusebanya, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atatu (300.000 FRW).

Iyo uwakoze icyaha cyo gukangisha gusebanya ashyize ibikangisho bye mu bikorwa, igihano kiba igifungo kirenze

term of more than two (2) years and not more than three (3) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Article 129: Blackmail

Blackmail is an act of demanding a signature from a person, acceptance or denial of a responsibility, disclosure of a secrecy, remittance of funds, negotiable instrument or any other asset by threatening to denounce him/her, to disclose or attribute such information, whether true or false, that may damage the honour or reputation of the victim or any other person who, if threatened, may cause harm to the victim.

Any person who uses blackmail, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years and a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000).

If the person who commits blackmail executes his/her threats, the penalty is imprisonment for a term of more than three

mais n'excédant pas trois (3) ans et à une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Article 129: Chantage

Le chantage est le fait d'obtenir d'une personne, soit une signature, un engagement ou une renonciation, soit la révélation d'un secret, soit la remise de fonds, de valeurs ou d'un bien quelconque, en menaçant de révéler ou d'imputer à cette personne ou à une autre personne contre laquelle des menaces auraient des conséquences pour la victime, des faits de nature à porter atteinte à son honneur ou à sa considération, que ces faits soient réels ou non.

Toute personne qui fait du chantage, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais n'excédant pas trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW).

Lorsque la personne qui a fait du chantage exécute ses menaces, la peine est portée à un emprisonnement de plus de trois (3) ans

imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

UMUTWE WA IV: IBINDI BIKORWA BIBUJIJWE

Ingingo ya 130: Guhisha cyangwa gutaburura umurambo w'umuntu, kuwucaho umwanya w'umubiri cyangwa kuwushinyagurira

Umuntu wese uhisha cyangwa utaburura ku bugome umurambo w'umuntu cyangwa uwucaho umwanya w'umubiri cyangwa uwushinyagurira ku buryo ubwo ari bwo bwose, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Ingingo ya 131: Kurya inyama z'umuntu

Umuntu wese urya cyangwa ugaburira abandi inyama z'umuntu, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

2 º igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni cumi n'eshanu (15.000.000 FRW) ariko atarenze mililiyoni makumyabiri (20.000.000 FRW) kubyerekeye ibiyobyabwenge bikomeye;	2º imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty five (25) years and a fine of not less than fifteen million (FRW 15,000,000) Rwandan francs and not more than twenty million (FRW 20,000,00000) Rwandan francs in regards to severe narcotic drugs;	2º un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans et d'une amende d'au moins quinze millions (15.000.000 FRW) de francs rwandais mais n'excédant pas vingt millions (20.000.000 FRW) de francs rwandais en cas de stupéfiants forts;
3 º igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atageze kuri miliyoni icumi (10.000.000 FRW) ku byerekeye ibiyobyabwenge byoroheje.	3º imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than five million (FRW 5,000,000) Rwandan francs and less than ten million (FRW 10,000,000) Rwandan francs in regard to simple narcotics.	3º un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais inférieure à dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW) en cas de stupéfiants légers;
Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo bikorewe ku mwana cyangwa bikozwe ku rwego mpuzamahanga, igihano kiba igifungo cya burundu n'ihazabu y'amagaranga y'u Rwanda arenze miliyoni mirongo itatu (30.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni (50.000.000 FRW) mirongo itanu.	If acts mentioned in Paragraph 2 and 3 of this Article are performed to a child or if they are performed at the international level, the penalty is a life imprisonment and a fine of not more than thirty million (FRW 30,000,000) Rwandan francs and not more than fifty million (FRW 50,000,000) Rwandan francs.	Lorsque les actes visés aux alinéas 2 et 3 du présent article sont commis sur la personne d'un enfant ou au niveau international, les peines sont portées à un emprisonnement à perpétuité et à une amende de plus de trente millions de francs rwandais (30.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinquante

millions de francs rwandais (50.000.000 FRW).

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rishyiraho urutonde rw'ibiyobyabwenge bigize buri cyiciro.

An Order of the Minister in charge of health establishes a list of narcotic drugs that constitute each category.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine la liste de stupéfiants composant chaque catégorie.

Ingingo ya 264: Korohereza umuntu gukoresha ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo

Article 264: Facilitating a person to use narcotic drugs or psychotropic substances

Article 264: Facilitation à autrui dans l'usage des stupéfiants ou des substances psychotropes

Umuntu wese ufasha undi kubona uburyo bumworoheye bwo gukoresha ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo, aba akoze icyaha.

Any person who facilitates another person to use narcotic drugs or psychotropic substances, commits an offence.

Toute personne qui facilite à autrui l'usage des stupéfiants ou des substances psychotropes commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years with a fine of not less than three million (FRW 3,000,000) Rwandan francs and not more than five million (FRW 5,000,000) Rwandan francs.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins trois millions (3.000.000 FRW) de franc rwandais mais n'excédant pas cinq millions(5.000.000 FRW) de francs rwandais.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo nibyo bihabwa umuntu wese utanga ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo ashingiye ku mpapuro abona ko zitarimo ukuri.

The penalties referred to in Paragraph 2 of this Article also apply to any person who gives narcotic drugs or psychotropic substances on the basis of prescriptions that clearly turn out not to be true.

Les peines prévues à l'alinéa 2 du présent article sont aussi applicables à toute personne qui délivre les stupéfiants et les substances psychotropes sur base des ordonnances clairement fausses.

Ingingo ya 265: Inyagwa ry'ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nkabyo

Mu gihe hakozwe ibyaha biteganywa mu ngingo ya 263 n'iya 264, urukiko rutegeka inyagwa ry'ibiyobyabwenge cyangwa urusobe rw'imiti ikoreshwa nka byo, ibibikomokaho n'ibyo bikomokaho n'inyagwa ry'ibikoresho n'inyubako byafashije kubikora, kubihindura, kubikoresha, kubicuruza, kubibika, kubitwara no guhinga ibiyobyabwenge.

Igihano cy'ubunyagwe gishobora gutangwa n'iyo nyir'ugukora icyaha yaba atari nyir'ibintu byavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, mu gihe nyirabyo yari azi icyo bikoreshwa.

Ingingo ya 266: Gukora, kugurisha, gutanga ibintu bibujijwe mu buvuzi

Umuntu wese ukora, ugurisha, utanga ibintu bibujijwe bikurikira:

1 º umuti;

2 º ibintu bihumanya;

3 º ibintu binoza cyangwa bisukura umubiri;

Article 265: Confiscation of narcotic drugs or psychotropic substances

In the case of commission of the offences specified in Articles 263 and 264 of this Law, the court orders confiscation of narcotic drugs or psychotropic substances, their derivatives and antecedents, the confiscation of all equipment and facilities used in the production, transformation, consumption, sale, conservation, transportation and cultivation of such narcotic drugs and psychotropic substances.

Confiscation may be imposed even if the offender is not the owner of the goods listed in Paragraph One of this Article, in the case where the latter was aware of their use.

Article 266: Production, sell or prescription of prohibited substances in medicine

Any person who produces, sells or prescribes the following prohibited substances:

1º a drug;

2º harmful products;

3º cosmetics or body hygiene substances;

Article 265: Confiscation des stupéfiants ou des substances psychotropes

En cas de commission des infractions prévues aux articles 263 et 264 de la présente loi, la juridiction ordonne la confiscation des stupéfiants ou des substances psychotropes, de leurs dérivés et antécédents ainsi que celle du matériel et des installations ayant servi à leur fabrication, transformation, consommation, vente, conservation, transport et à leur culture.

La confiscation peut être prononcée même si l'auteur n'est pas propriétaire des biens visés à l'alinéa premier du présent article dans le cas où ce dernier était au courant de leur usage.

Article 266: Fabriquer, vendre, prescrire des produits interdits en médecine

Toute personne qui fabrique, vend, prescrit des produits interdits suivants:

1º médicament;

2º produits toxiques;

3º produits cosmétiques ou d'hygiène corporelle;

4 º ibindi bikomoka ku bimera;

aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Icyiciro cya 7: Guteza urusaku no gusinda ku mugaragaro

Ingingo ya 267: Gutera urusaku

Umuntu wese utera urusaku ku buryo bihungabanya umutuzo w'abaturage nta mpamvu igaragara cyangwa atabiherewe uburenganzira, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Iyo habaye isubiracyaha, ibihano biba igifungo kitari munsi y'iminsi umunani (8) ariko kitarenze ukwezi kumwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000

4º any other products derived from plants;

commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

Section 7: Noise nuisance and public drunkenness

Article 267: Noise nuisance

Any person who, unjustly or without an authorization, makes noise likely to disturb public, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to a fine of not less than five hundred thousand (FRW 500,000) Rwandan francs and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

In case of recidivism, the penalties is imprisonment for a term of not less than eight (8) days and not more than one (1) month and a fine of more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs

4º autres produits dérivés de plantes ;

commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois million de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Section 7: Tapage et ivresse publique

Article 267: Tapage

Toute personne qui fait des bruits ou des tapages de nature à troubler la tranquillité des habitants sans raison valable ni autorisation commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

En cas de récidive, les peines sont l'emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais n'excédant pas un (1) mois et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs

FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Ingingo ya 268: Gusinda ku mugaragaro

Umuntu wese usinda ku mugaragaro, mu muhanda, mu kibuga, mu nzira, mu kabari, mu nzu y'imikino cyangwa ahandi hose hateranira abantu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi umunani (8) ariko kitarenze amezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi makumyabiri (20.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi ijana (100.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo nyir'akabari n'abakozi be bemeye kwinjiza mu kigo cyabo abantu bigaragaraho ko basinze ku buryo bukabije bakabaha ibisindisha, bahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi umunani (8) ariko kitarenze amezi abiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi mirongo itanu (50.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

(FRW 2,000,000) or only one of the penalties.

Article 268: Public drunkenness

Any person who is drunk in public, in the streets, squares, paths, bar, in a gymnasium or any other public places, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than eight (8) days but not more than two (2) months and a fine of not more than twenty thousand Rwandan francs (FRW 20,000) and not more than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) or only one of the penalties.

If the bar operator and his/her staff accept to host any persons in a state of excessive drunkenness in their facility and serve them alcoholic beverages they are liable to imprisonment for a term of not less than eight (8) days and not more than two (2) months and a fine of not less than fifty thousand Rwandan francs (FRW 50,000) and not more than two hundred thousand Rwandan francs (FRW 200,000) or only one of the penalties.

rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Article 268: Ivresse publique

Toute personne trouvée en état d'ivresse dans les lieux publics, les rues, jardins publics, chemins, places, salle gymnase, cabarets ou autres lieux publics, commet une infraction,. Lorsqu'elle en est reconnu coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais n'excédant pas deux (2) mois et d'une amende d'au moins vingt mille francs rwandais (20.000 FRW) mais n'excédant pas cent mille francs rwandais (100,000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque le propriétaire d'un bar et son personnel acceptent d'héberger des personnes en état d'ivresse excessive dans leur établissement et leur servent une boisson alcoolisée il est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins huit (8) jours, mais n'excédant pas deux (2) mois et d'une amende d'au moins cinquante mille francs rwandais (50.000 FRW) mais n'excédant pas deux cent mille francs rwandais (200.000 FRW) ou de l'une ces peines seulement.

UMUTWE WA IV: IBYAHA BIHUNGABANYA UBWIZERE BW'IGIHUGU

Icyiciro cya mbere: Kwigana no guhindura ibimenyetso by'amafaranga

Ingingo ya 269: Kwigana, guhindura amafaranga cyangwa ibyitiranywa nayo cyangwa kubikwirakwiza

Umuntu wese, ku bw'uburiganya wigana, uhindura amafaranga y'ibiceri cyangwa inoti akoreshwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ibyakwitiranywa nayo, impapuro zifite agaciro k'amafaranga y'igihugu zashyizweho umukono n'inzego zibifitiye ububasha, ziriho tembure yayo cyangwa ikirango cyayo, cyangwa izindi mpapuro zikoreshwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, uzana cyangwa ukwiza mu Rwanda izo mpapuro n'izo noti azi ko ziganywe cyangwa ko zahinduwe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikozwe ku rwego mpuzamahanga, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

CHAPTER IV: OFFENCES AGAINST PUBLIC CREDIBILITY

Section One: Counterfeit and falsification of monetary symbols

Article 269: Counterfeit, falsification or alteration of currency or monetary signs or their distribution

Any person who, fraudulently counterfeits, falsifies or alters coins or bank notes which are legal tender in Rwanda or abroad, notes issued by the Treasury with its stamp or brand, either banknotes or alike that have legal tender in Rwanda or abroad, or one who introduces or issues in Rwanda such effects or notes with knowledge that they are forged or falsified, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years.

If the offence referred to in Paragraph One of this Article is committed at the international level, the applicable penalty is an imprisonment term of more than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than seven million Rwandan francs (FRW 7,000,000) and not

CHAPITRE IV: INFRACTIONS CONTRE LA FOI PUBLIQUE

Section première: Contrefaçon et falsification des signes monétaires

Article 269: Contrefaçon, falsification et altération de la monnaie ou des singes monétaires et leur distribution

Toute personne qui, par fraude, contrefait, falsifie ou altère des monnaies métalliques ou des billets de banques ayant cours légal au Rwanda ou à l'étranger, ou autres semblables, des effets émis par les organes compétents avec son timbre ou sa marque, soit des billets de banque ou autres effets ayant cours légal au Rwanda ou à l'étranger, ou celui qui introduit ou émet au Rwanda de tels effets ou billets sachant qu'ils sont contrefaits ou falsifiés commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Si l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article est commise au niveau international, la peine est portée à un emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et à une amende d'au moins sept million (7.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix million de francs rwandais (10.000.000 FRW).

more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Umuntu wese wihesheje cyangwa wakiriye amafaranga y'ibiceri cyangwa y'inoti azi neza ko yiganywe cyangwa yahinduwe, nubwo ataba umwe mu bakoze ayo mafaranga cyangwa abayinjije mu gihugu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

Any person who knowingly acquires or receives coins or notes knowing that it is falsified, even if he/she is not one of counterfeiters or importers of such monies commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term not less than one (1) year and not more than three (3) years.

Toute personne qui, sciemment, se procure ou reçoit des monnaies métalliques ou des billets sachant qu'ils sont falsifiés ou altérés même si elle ne fait pas partie de ceux qui les ont émis ou introduits dans le pays commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais ne dépassant pas trois (3) ans.

Ingingo ya 270: Konona amafaranga

Umuntu wese ku bw'inabi wonona amafaranga, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitarenze amezi atatu (3).

Article 270: Damaging monies

Any person who maliciously damages monies commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months and not more than three (3) months.

Article 270: Endommager la monnaie

Toute personne qui, méchamment, endommage la monnaie commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais n'excédant pas trois (3) mois.

Ingingo ya 271: Guhimba impapuro zivunjwamo amafaranga, kuzikoresha cyangwa kuzikwirakwiza

Umuntu wese uhimba, ukoresha cyangwa ukwirakwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose impapuro zivunjwamo amafaranga, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka

Article 271: Counterfeiting negotiable instruments, their use or circulation

Any person who counterfeits, uses or circulates, by any means, negotiable instruments, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine

Article 271: Contrefaçon des titres négociables, leur utilisation ou mise en circulation

Toute personne qui contrefait, utilise ou met en circulation de quelque manière que ce soit, les titres négociables, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans

itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda yikubye inshuro kuva kuri ebyiri (2) kugeza ku icumi (10) z'agaciro k'amafaranga y'amahimbano.

Ingingo ya 272: Inyagwa ry'amafaranga y'amahimbano

Ku byaha biteganyijwe mu ngingo ya 269 n'iya 271 z'iri tegeko, urukiko rutegeka inyagwa ry'amafaranga cyangwa ry'ibindi bimenyetso bihwanye na yo n'iry'ibikoresho byifashishijwe mu gukora icyaha.

Icyiciro cya 2: Kwigana cyangwa guhindura za kashe, tembure n'ibindi birango

Ingingo ya 273: Guhindura ibirango bya Leta, iby'umuntu ku giti cye, iby'ibigo cyangwa imiryango bitari ibya Leta bifite cyangwa bidafite ubuzima gatozi

Umuntu wese:

1º wigana ikirango cya Leta;

2º wigana cyangwa uhindura tembure, impapuro zifite agaciro k'amatembure n'ibirango bikoreshwa mu izina rya Leta;

3º wigana kashe, tembure cyangwa ikirango bikoreshwa n'umuyobozi uwo ari we wese;

of two (2) to ten (10) times of the value of the counterfeited amount.

Article 272: Confiscation of counterfeit currency

For all offences provided for in Articles 269 and 271 of this Law, the court orders the confiscation of currencies or other cash value signs as well as the equipment used in the commission of the offence.

Section 2: Counterfeit or falsification of seals, stamps or other marks

Article 273: Falsification of official marks, of individuals, institutions or private associations with or without legal personality

Any person who:

1º counterfeits the seal of the State;

2º counterfeits or falsifies stamps or other equivalent documents of the same value and official symbols of the State;

3º counterfeits the seal, stamp or the mark of an authority;

mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende de deux (2) à dix (10) fois de la valeur du montant contrefait.

Article 272: Confiscation de fausses monnaies

Dans tous les cas prévus aux articles 269 et 271 de la présente loi, la juridiction ordonne la confiscation des monnaies ou des signes monétaires ainsi que celle du matériel ayant servi à la commission de l'infraction.

Section 2: Contrefaçon ou falsification des sceaux, des poinçons, des timbres ou d'autres marques

Article 273: Falsification des marques officielles et marques des particuliers, des établissements ou des associations privées ayant ou n'ayant pas la personnalité juridique

Toute personne qui:

1º contrefait le sceau de l'État;

2º contrefait ou falsifie des timbres, d'autres pièces équivalents ou des marques destinées à être apposées au nom du Gouvernement;

3º contrefait le sceau, le timbre ou la marque d'une autorité quelconque;

4º wigana impapuro ziranga aho zigenewe gukoreshwa cyangwa impapuro z'ubuyobozi;

aba akoze icyaha.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Mu gihe ibyiganywe cyangwa ibyakoreshejwe mu buryo bunyuranyije n'amategeko ari iby'umuntu ku giti cye, iby'ibigo cyangwa imiryango bitari ibya Leta bifite cyangwa bidafite ubuzima gatozi, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

<u>Ingingo ya 274</u>: Gukoresha ibirango mu buryo butari bwo

Bitabangamiye ibindi bihano birushijeho gukomera, umuntu wese ukoresha cyangwa ukwiza mu buryo ubwo ari bwo bwose inyandiko cyangwa ikimenyetso cyose ku

4º counterfeits headed papers or official documents;

commits an offence.

A person convicted of any of the acts referred to in Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years but more than seven (7) years and a fine of not less than two million (FRW 2,000,000) Rwandan francs and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

If counterfeits or falsified objects belong to an individual, private institutions or associations with or without legal personality, the penalty is an imprisonment term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one million (FRW 1,000,000) Rwandan francs and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

<u>Article 274</u>: Illegal use of marks

Without prejudice to more severe penalties, any person who uses or distributes by any means the documents, which are similar in nature to those used by public institutions,

4º contrefait les papiers avec en-tête ou imprimés officiels;

commet une infraction.

Une personne reconnue coupable de la commission de l'un quelconque des actes prévus à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins deux millions (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions (3.000.000 FRW) de francs rwandais.

Si les objets falsifiés ou contrefaits appartiennent à un particulier, aux établissements ou associations de droit privé ayant ou n'ayant pas la personnalité juridique, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et à une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

<u>Article 274</u>: Utilisation illégale des marques

Sans préjudice des peines plus sévères, toute personne qui utilise ou distribue par tout moyen les documents qui, ressemblant de par leur nature à ceux utilisés par les

bw'imiterere yazo zisa n'izikoreshwa n'inzego za Leta, bikaba byatera rubanda kuzemeraho ukuri, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Ingingo ya 275: Inyagwa ry'ibirango byiganywe, byahinduwe cyangwa byononwe

Ku byaha biteganywa mu ngingo ya 273 n'iya 274 z'iri tegeko, urukiko rutegeka inyagwa ry'ibirango byiganywe, byahinduwe cyangwa byononwe.

Icyiciro cya 3: Gukora ibihimbano no kwiha ububasha

Ingingo ya 276: Guhimba, guhindura inyandiko cyangwa gukoresha inyandiko mpimbano

Umuntu wese uhimba cyangwa uhindura mu buryo ubwo ari bwo bwose inyandiko cyangwa ikindi kintu cyanditseho igitekerezo, ashyiraho umukono cyangwa igikumwe bitari byo, yonona inyandiko cyangwa imikono, asimbuza abantu abandi, ahimba amasezerano, imiterere y'ingingo zayo, igitegetswe gukorwa cyangwa

which may deceive the public on their authenticity, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

Article 275: Confiscation of counterfeited, falsified or altered marks

For offences provided for in Articles 273 and 274 of this Law, the court orders the confiscation of the seals, stamps or other marks forged, falsified or altered.

Section 3: Forgery and usurpation of power

Article 276: Forgery, falsification and use of forged documents

Any person who, in any manner, forges or alters documents by forged signature or fingerprint, falsifying documents or signatures or impersonation, forging agreements, its provisions, obligations, or discharged obligations commits an offence.

institutions publiques, peuvent tromper le public sur leur authenticité, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Article 275: Confiscation des marques contrefaites, falsifiées ou altérées

Dans tous les cas prévus aux articles 273 et 274 de la présente loi, la juridiction ordonne la confiscation des sceaux, timbres ou autres marques contrefaits, falsifiés ou altérés.

Section 3: Commettre des faux et usurpation de titres

Article 276: Faux et usage de faux

Toute personne qui, de quelque manière que ce soit, falsifie ou altère des documents par une signature ou une empreinte falsifiée, falsifie des documents ou des signatures, usurpe d'identité, falsifie des accords, ses dispositions, des obligations ou obligations déchargées, commet une infraction.

icyarangije kwemeranywa, aba akoze icyaha.

Umuntu wese, ku bw'uburiganya, wandika, wandikisha ibintu bidahuye n'ukuri cyangwa ukora imenyekanisha ritari ryo afatwa nk'uwakoze icyaha cyo gukora ibihimbano.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenga miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Umuntu wese uzi ko inyandiko ari impimbano, akayikoresha ku buryo ubwo ari bwo bwose, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ibihano biteganyijwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo.

Iyo guhimba byakozwe n'umukozi wa Leta mu murimo ashinzwe cyangwa n'undi ushinzwe umurimo w'igihugu, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Any person who, with fraudulent intention, produces a false written document, causes to write false statements or produces a conflicting declaration, is considered to commit the offence of forgery.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years but not more than seven (7) years and a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or only one of these penalties.

Any person who, knowingly makes use of a forgery document in any way, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to penalties provided for in Paragraph 3 of this Article.

If forgery is committed by a public servant or any other person in charge of public service, the applicable penalty is an imprisonment term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years with a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) or only one of these penalties.

Toute personne qui frauduleusement fait des énonciations écrites contraires à la vérité, fait inscrire des mentions contraires à la vérité ou fait une déclaration fausse est réputée commettre l'infraction de faux.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Toute personne qui, sciemment, fait usage d'un faux, commet une infraction. Si elle en reconnue coupable, elle est passible des peines prévues à l'alinéa 3 du présent article.

Si le faux est commis dans l'exercice de ses fonctions par un fonctionnaire ou une personne chargée d'un service public, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) ou l'une de ces peines seulement.

Ingingo ya 277: Guhabwa ku bw'uburiganya cyangwa gukora no gukoresha inyandiko n'impapuro bitangwa n'inzego zabigenewe

Umuntu wese ku bw'uburiganya wihesha, ukora cyangwa ukoresha atabikwiye, impapuro z'inzira zikoreshwa mu gihugu cyangwa ku bajya mu mahanga, impamyabumenyi cyangwa impamyabushobozi, urupapuro rw'amanota, impushya zo gutwara ibinyabiziga n'izindi mpapuro cyangwa inyandiko cyangwa ibyemezo bitangwa n'inzego zabigenewe;

aba akoze icyaha.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Article 277: Fraudulent acquisition or production and the use of forged documents and papers issued by competent authority

Any person who, by fraud, acquires for oneself or unduly issued domestic or foreign travel documents, degrees or certificates, transcript or report, driving license and other documents issued by competent authorities;

commits an offence.

Any person who upon conviction of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years with a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000).

Article 277: Acquisition frauduleuse ou faux et usage de faux des documents délivrés par l'autorité compétente

Toute personne qui par fraude, se fait délivrer ou délivre indûment des documents de voyage locaux ou internationaux, diplômes ou certificats, relevé officiel ou bulletin de notes, permis de conduire ou autres documents, écrits ou attestations délivrés par les autorités compétentes;

commet une infraction.

Toute personne reconnue coupable de la commission de l'un quelconque des actes prévus à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW).

Ingingo ya 278: Guha umuntu inyandiko udakwiye kuyihabwa

Umuntu wese uha cyangwa uhesha undi muntu imwe mu nyandiko ziteganyijwe mu ngingo ya 277 y'iri tegeko, azi ko adakwiye kuyihabwa, aba akoze icyaha.

Article 278: Issuance of a document to a person who is not entitled

Any person who issues or who causes the issuance of one of the documents provided for in Article 277 of this Law to a person

Article 278: Délivrance d'un document à une personne qui n'y a pas droit

Toute personne qui délivre ou fait délivrer l'un des documents prévus à l'article 277 de la présente loi à une personne sachant que

knowing that the person is not entitled to it, commits an offence.

cette personne n'y a pas droit commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or only one of these penalties.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions (2.000.000 FRW) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Iyo bikozwe n'umukozi wa Leta, ibihano biba igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

If the offence is committed by a public official, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years, and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Lorsque l'infraction est commise par un agent de l'État, cet agent est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Ingingo ya 279: Kwiha ububasha ku mirimo itari iyawe no kwambara umwambaro utagenewe ugamije kuyobya rubanda

Article 279: Usurpation of titles and wearing a uniform with an intention to mislead the public

Article 279: Usurpation de fonctions, titres et uniforme aux fins de tromper le public

Umuntu wese utabigenewe, wivanga mu mirimo y'ubutegetsi ya gisivili cyangwa iya gisirikare cyangwa wiha gukora umwe muri iyo mirimo, wiyita umukozi wa Leta atari we cyangwa wambara ku mugaragaro umwambaro w'ubutegetsi, umwambaro uhuriweho n'abahuje umurimo, urwibutso cyangwa ikimenyetso, agambiriye kuyobya rubanda, aba akoze icyaha.

Any person who, without tittle usurps public, civil or military functions or poses the acts of one of these functions or falsely attributes to himself/herself the quality of a public official or publicly wears a costume, a uniform, badge or an emblem with an intention to mislead the public, commits an offence.

Toute personne qui, sans titre, s'immisce dans des fonctions publiques, civiles ou militaires ou pose les actes d'une de ces fonctions ou s'attribue faussement la qualité de fonctionnaire public ou porte publiquement un costume, une uniforme, un insigne ou un emblème dans le but de faire croire qu'il assume un mandat public, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW).

Iyo umwambaro w'ubutegetsi cyangwa w'abahuje umurimo, urwibutso cyangwa ikimenyetso bitagenewe ubwabyo kugaragaza umurimo wa Leta umuntu ashinzwe ariko kubera kugira ishusho imwe bikaba byatera rubanda kubyitiranya n'iby'ubutegetsi, ubyambara ku mugaragaro, ureka uwo akoresha cyangwa ayobora akabyambara cyangwa akamutegeka kubyambara ku mugaragaro, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

<u>Ingingo 280</u>: Kwambara amapeti n'ibindi bimenyetso utabigenewe

Uretse mu mikino yigana ikinirwa mu ruhame, umuntu wese wambara ku

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years, with a fine of not less than three hundred thousand Rwandan francs (FRW 300,000) and not more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000).

If the official or professional dress, insignia or emblem are not intended to suggest the existence of a public mandate but they are likely to cause confusion among the public because of their resemblance with the official dress, a person who wears them, who lets his/her servant wear them or forces him/her to wear them publicly, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) months but not more than six (6) months with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

<u>Article 280</u>: Wearing badges, a ribbon or any other decoration by an unauthorized person

With the exception of imitation lively events, anyone who publicly wears a rank

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins trois cent mille francs rwandais (300.000 FRW) mais n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW).

Si la tenue officielle ou professionnelle, l'insigne ou l'emblème n'est pas destiné à faire croire à l'existence d'un mandat public, mais qu'ils sont de nature à créer la confusion au sein du public à cause de ses ressemblances avec ceux des agents de l'État, celui qui les porte publiquement, celui qui laisse son préposé ou son subordonné les porter ou l'oblige à les porter publiquement, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais n'excédant pas six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

<u>Article 280</u>: Port d'une décoration, d'un ruban ou de tout autre insigne par une personne non-autorisée

À l'exception des manifestations à caractère ludique, quiconque porte

mugaragaro ipeti cyangwa ibindi bimenyetso by'urwego atarimo cyangwa wagize icyo abikoresha, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'ukwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

sign or any other decoration of a group he/she does not belong to, or in fact use them in any way, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) month but less than six (6) months and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

publiquement une marque de grade, ou un autre insigne d'un ordre dont il n'est pas membre ou en fait un usage quelconque commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

<u>Ingingo ya 281</u>: Kwiyitirira urwego rw'umwuga, impamyabushobozi, impamyabumenyi cyangwa ubushobozi buhabwa umuntu wujuje ibyangombwa

Umuntu wese wiyitirira urwego rw'umwuga wemewe n'ubutegetsi, impamyabushobozi, impamyabumenyi zitangwa n'urwego rubifitiye ububasha cyangwa ubushobozi buhabwa umuntu wujuje ibyangombwa bashyizweho n'urwego rubitiye ububasha, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'ukwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

<u>Article 281</u>: Claiming to be attached to a profession, a certificate, an official diploma or any other entitlement granted to a person meeting requirements

Any person who claims to be attached to a legally regulated profession, a certificate, an official diploma or any other entitlements granted by a competent authority to a person meeting requirements set by a competent authority, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to an imprisonment for a term of not less than one (1) month and less than six (6) months and a fine of not less than five hundred thousand (FRW 500,000) Rwandan francs and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

<u>Article 281</u>: Se réclamer d'un titre attaché à une profession, d'un certificat, d'un diplôme ou d'une qualité dont les conditions d'attribution sont fixées

Toute personne qui se réclame d'un titre attaché à une profession légalement réglementée, d'un certificat, d'un diplôme officiel ou d'une qualité dont les conditions d'attribution sont fixées par l'autorité publique compétente commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

Icyiciro cya 4: Ibindi bikorwa binyuranyije n'amategeko bikorwa n'abakora imirimo ya Leta

Ingingo ya 282: Gufata icyemezo kibuza iyubahirizwa ry'itegeko

Umuntu wese, wahawe ububasha n'igihugu, ufata mu kazi ke icyemezo kigamije kuburizamo iyubahirizwa ry'itegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo cyageze ku mugambi, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 Frw) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Section 4: Other offences committed by civil servants

Article 282: Taking a decision which hinders the enforcement of a law

Any person vested with public authority, who, in the exercise of his/her functions, takes a decision aimed at hindering the application of a law, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years with a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

If the offence referred to under Paragraph One of this Article has been consummated, the applicable penalty is an imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years, with a fine of not less than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Section 4: Autres infractions commises par des personnes exerçant une fonction publique

Article 282: Prendre une décision faisant échec à l'application d'une loi

Toute personne dépositaire de l'autorité publique, agissant dans l'exercice de ses fonctions, qui prend une décision visant à faire échec à l'application d'une loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Si l'infraction prévue à l'alinéa premier du présent article a été consommé, la peine est portée à un emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et à une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Ingingo ya 283: Gukomeza gukoresha ububasha nyuma y'ihagarika ry'imirimo mu buryo buteganywa n'amategeko

Umuntu wese, wahawe ububasha n'igihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu cyangwa wahawe inshingano ku bw'amatora, ukomeza imirimo nyuma yo kumenyeshwa ko atakiri muri iyo mirimo cyangwa nyuma yo kurangiza manda ye, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Article 283: Continued use of authority after termination of a service in accordance with law

